



Data wa twese wo mu juru, mu Mwuka wawe turi umwe mu kwizera, mu byiringiro no mu rukundo.

Nubwo tutari hamwe kandi turi twenyine muri ibi bihe- turi mu muryango w'abana bawe mu isi yose – Ongera kwizera kwacu ko uri hafi yacu ibihe byose kandi dufashe kubishyikira ko turi umwe na Bene data bose hirya no hino ku isi.

Hagurutsa bariya barwaye. Murikira imitima y'abari mu bwigunge. Ha ubwenge abafite inshingano. Komeza abakora imirimo y'ubuvuzi.

Egera Bene Data bo mu matorero yose ku isi.

Uduhe twese ibitekerezo bishya byo gukomeza umurunga wacu.

Imana ibahe umugisha kandi ibarinde;

Imana ibamurikishirize mu maso hayo kandi ibagirire neza;

Imana ibarebe neza kandi ibahe amahoro.

Amen.

*TWESE HAMWE – Isi irimo gusenga, niba nawe ushaka kugira uruhare muri uru runana rwo gusenga, sangiza abandi iri sengesho ku mbuga nkoranyambaga, cyangwa urisohore ku rupapuro urimanike ku muryango wawe, ku idirishya ryawe cyangwa imodoka yawe. Dushobora kuba dutandukanyijwe n'intera y'ahantu ariko mu mwuka turi umwe-reka tubyerekane.*

*(Translation: Venant Ntakirutimana)*